

## IMBONERAY'IKOSORA RY'IKIZAMINI CYA LETA / 2017

### IGICE CYA MBERE (Amanota 32)

#### A. KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (Amanota 13)

- 1) Uyu mwandiko ni insigamigani/ ikirari k'insigamigani. Kuko ubara inkuru y'umuntu wabayeho agakomokwaho n'im'ugo igikoreshwa kugeza n'ubu. Ibivugwa byabayeho, aho byabereye, abavugwa bazwi.

N.B: a. Insigamigani nyitiriro

b. Umugani w'insigamigani

2) Umugabekazi

3) Mutara II

Ibindi yakongeraho bitakwica igisubizo ntacyo bitwaye

Urg: Mutara II Rwogera

N.B: Mutara III

4) - Bagiye kwishingana ibwami,

- Bagiye kurega ibwami

- Baramushwishuriye

- Barahakanye

- Bahakanye ubugome

- Bitwaje inkoni nk'abahakanye ubugome

5) a. Ni uko hategekaga umugore

- Agasuzuguro
- Ishyari
- Kwigwizaho umutungo
- Kwigomeka
- Kutishimira ubutegetsu bw'umwana muto

b. Ayo makoro yakoreshwaga mu bikorwa by'ibwami; harimo gutunga ababaga bahari mu mirimo inyuranye.

° N.B: Uwatanga urugero rw'icyatangwaga n'icyo cyakoreshwaga azahabwa inota ryuzuye.

Hatangwaga intwari zo gukoresha mu kurinda umutekano.

6) a. Ayo makoro yatangwaga na rubanda / abaturage / abenegihugu / abatware / benewabo wa Bushungwe / abahinzi / aborozi / abavumvu / abahigi / abakannyi / abanyabukorikori

b. Muri ikigihwe amakoro yafatwaga ik'umusoro / imisanzu / umuganda / amaturo

c. Aya makoro yashoboraga kuba agizwe na: imyaka, inzoga, ubuki, impu, amacumu,.....

7) Ni uko hari itegeko ribuza ko uwafashwe mpiri bamwica.

N.B: - Ni uko uwafatwaga mpiri babaga batakimwiciye aho.

- Ni uko hari itegeko rihana uw'ishye bene uwo muntu

° - Ni uko kwica uwafatwaga mpiri cyabaga ari icyaha kitababarirwa.

- Cyabaga ari ikizira

8) a. – Ni uko yari atashye ari muzima kuko bakekaga / kdi barakekaga ko bamwica

- Ni uko yari agaragaje ubuhangange

b. – Impundu zivuzwa iyo bishimiye ikintu kiza kibaye.

- Impundu ziherekeza imisango y'ubukwe

- Impundu zivuzwa bakira umuyobozi

- Impundu zivuzwa iyohari umubyeyi wabyaye

- Iyo inkuba ikubise umuntu

B. INYUNGURAMAGAMBO (Amanota 12)

a. Kunyuranyuranamo kw'ibintu: - Gucicikana kw'ibintu

- Kugenda ubutitsa

b. Kwiyegamiza umuntu ukomeye kugira ngo utarengana, utagwa mubintu utarimo:

- Kwishingana

- Kwishinganisha

c. Kwegeranya ingabo kandi bege anyu umubare ukwiye:

- Kugera ingabo

- Gukoranya ingabo

d. Itegeko ryabaga ryatanzwe n'umwami: - Iteka

e. Gucira umuntu urubanza rwo gupfa: - gutanga umuntu

f. Gutangira kurwana bikomeye: - Kwanzikana

- Kwanzika

g. Gukotana, gukubana: - Kwemveka

-Kwemvekana

- h. Biratinda cyane, bimara umwanya munini: - Bishyira kera
- i. Guta muri yombi, kumushyikira mu maboko yabo ku buryo atabacika:
  - Kumufata mpiri
- j. Ikintu kijijisha, gihuma m'ubwenge: - Uruhubiko
  - Ibishuko
- k. Guhakanira umuntu wivuye inyuma: Gushwishuriza umuntu
  - Gushwishuriza
- l. Umuntu usuzuguritse abandi bakoza icyo bashaka:
  - Ikinnyogorero
  - Uwataye agaciro/ uwatakaje agaciro

#### C. IMBUSANE (Amanota 4)

10) a. Yarigometse  $\neq$  - Yarayobotse/ kuyoboka, yaragandutse, yaremeye, yarashyigikiye, yarumviye, yarakêje, yateye ingabo mubitugu, yagarukiye, yamunamyeho

b. Baramushwishuriza  $\neq$  Baramwemerera, baramwumvira, baramukundira, bamujya inyuma, baramushyigikira, bamutiza umurindi, baramuyoboka, bamutera ingabo mu bitugu,...

c. Umudendezo  $\neq$  Ibibazo, agahinda, ibyago, amakuba, akaga, imidugararo, ishavu, imvururu, ubukene, inzara, ubutindi, impagarara, ibizazane, ingorane, intugunda, amage,...

d. Kititwarirwa  $\neq$  Kibabarirwa, kihanganirwa, kidahorwa, kidahanirwa, kidacisha umutwe,, cyoroheje, kidakurikiranwa, gisonerwa, ...

#### D. INGWIZANYITO (Amanota 3)

11) Kugaragaza inyito eshatu (3) zitandukanye z'inshinga "Gusoma"

- Gusoma ibinyobwa cg itabi: akira inzoga usomeho.
- Gusoma ibyanditse: Bwenge asoma ibitabo.
- Gusoma uruhinja/ undi: Umubyeyi arasoma umwana we.

Sakwe sakwe, soma

N.B: - Ibisubizo bitangwa mu nteruro.

- Ibisubizo bitanzwe bigomba kuba bifite inyito eshatu (3) zitandukanye, mubyiciro bitatu.
- Invugo zishushanya (gusoma impyisi, gusoma umukino, gusomera umuntu, gusoma k'ubutaka, gusoma mu ruzi, ....) nabyo bigomba kuba munyito eshatu zitandukanye.
- Invugo zihariye (imigani, ibisakuzo, inshoberamahanga, ...) ziremerwa uko byakabaye, buri imwe ukwayo. (inota rimwe buri mvugo)
- Gusoma ibinyobwa + ibindi biteye ubwuzu
- Uwatanze ibisubizo bitatu ku nyito imwe hakosorwa kimwe gusa, ibindi bikaba imfabusa, bigahabwa ubusa.

Urg: Gusoma CD, Flash, Gusoma umuntu mu bwonko

**Muri make:**

1. Iyo umukandida yatanze ingero eshatu zihura n'ikicro kimwe, umukandida ahabwa inota rimwe ku gisubizo cya mbere, ibindi bigashyirwaho ikimenyetso cy'ibisubizo bipfuye(Xo), kigashyirwa ku gisubizo cya nyuma.
2. Uwatanze ibisubizobinshi, hakosorwa ibiri byo, ibindi bidakenewe ntibishyirweho ikimenyetso na kimwek'ikosora.
3. Ibimenyetso bigomba kugaragaza ko hakosowe ibyiciro bitatu.

**IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (Amanota 45)**

**12. Ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo (Amanota 9)**

a. - ati: ingirwanshinga

- aho: icyungo

- nge: inshinga itondaguye

b. - wabo: Kzn (ngenera ngenga)/ k'inyunge ngenera ngenga

- neza: ingera (y'uburyo) / umugereka (w'uburyo)

c. - bagabo: izina (rusange)

- bafite: inshinga ( nkene / mburabuzi)

d. - myinshi: ntera

- nteganya nyigisho: igisantera

N.B: 1. Umukandida watanze ubwoko bw'ijambo akongeraho igisobanuro kitari cyo, ahabwa igice cy'inota (0.5).

2. Uwatanze ubwoko bw'ijambo ntagire ikindi yongeraho, ahabwa inota ryose (1).

Urg: Inshinga, Kzn, Zn, ...

3. Uwatanze igisobanuro cy'ijambo gusa, ahabwa ubusa (0)

4. Uwakoresheje impine idateje urujijo, niyo yaba atari yo, ahabwa inota.

5. Uwatanga ubwoko bubiri buvuguruzanya ahabwa ubusa.

13. Uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi (Amanota 14)

(a) amaze: a - Ø - mar - ye  $r + y \longrightarrow z$

ibyo: i - bi - o  $i \longrightarrow y / -J$

(b) baryamirana: ba - Ø - ri - an - ir - an - a  $i \longrightarrow y / -J$

Inzara: i - n - ara ibicumbi bifata z mu nt 10

(c) yajyanwaga: a - a - gi - an - w - aga  $a \longrightarrow y / -J$

$\longrightarrow y / -J$

gy  $\longrightarrow jy$  mu myandikire

nzira: Ø - n - yira  $y \longrightarrow z / n -$

N.B; \* Ku ijambo "nzira", uwagaragaje indomo "i" akagira intego: i - n - yira azahabwa inota ryuzuye.

\* uwasesenguye akagaragaza indomo "i" ariko akayishyira mu dukubo: (i) - n - yira azahabwa ubusa kuko yongeyemo ibimenyetso bidakoreshwa mu ntego.

\* utagaragaje indomo ntanashyireho akamenyetso kayisimbuye (Ø) azahabwa ubusa.

IBYITONDERWA RUSANGE

1) Birabujijwe gukoresha inyuguti nkuru mu ntego no mu mategeko y'igenamajwi

Hari izizihanganirwa: U, Y, W, K, O, S, V, P

2) Uzakoresha inyuguti nto aha hakurikira:  $I \longrightarrow y / -j$  azahabwa ubusa (zeru)

3) Umukandida watanze itegeko ritagaragara mu turemajambo, ahabwa zeru.

4) Ibimenyetso bizemerwa / bizihanganirwa mu ntego: +,  $\perp$ ,  $\_$ , /-, \*,  $\vdash$  (imbere y'igicumbi)

5) Mu mategeko y'igenamajwi, utumenyetso twemerwa:  $\longrightarrow$ ,  $\longrightarrow \triangleright$ , /-  $\vdash$

Ututemewe:  $\longleftrightarrow$ , =,  $\longleftarrow$ ,  $\longleftrightarrow$

14. Ibicumbi by'amagambo (Amanota 4)

(a) guca: - ci-      ntigushye: - hi -

Ci                      hi

(b) abenshi: - inshi      inshi

(c) uyu: - Ø

Ø / ntagicumbi gihari

N.B: Uwagaragaje uturemajambo agomba kugaragaza igicumbi- aha akarongo, cyangwa ikindi kimenyetso – atabikora agahabwa keru.

15. Inteko ku mazina n'ibinyazina, na ngenga ku nshinga (Amanota 5)

(a) iteka: nt. 5 barataha: ng. 3

(b) nkubwire: ng. 1 bu

(c) imfizi: nt.9 yabigendeyemo: ng. 3

N.B: 1) Umukandida wavuze ngenga agashyiraho inteko iri yo ahabwa amanota yose; uwongeyeho inteko itari yo yamburwa 0.5 ( - 0.5).

2) Kukibazo (b) uwavuze ngenga a mbere y'ubumwe (ng. 1 bu) ahabwa inota ryuzuye; yakwandika ng. 1 gusa, azakurwaho 0.5.

3) Uwatanze igisubizo kiri cyo; akongeraho ikitari cyo yamburwa (0.5)

16. Imimaro y'amagambo aciyeho akarongo (Amanota 3)

(a) rirashye: inshinga                      / ipfundo ry'ubutumwa, izingiro ry'interuro, ishingiro

(b) umunyeshuri: ruhamwa

Igihe: icyuzuzo

## UBUTINDE N'AMASAKU

### 17. (b) Gutandukanya amagambo (Amanota 5)

- (i) Amakoro  $\neq$  amakôro
- (ii) umwiishywa  $\neq$  umwiishywa
- (iii) impiinga  $\neq$  impiînga
- (iv) kubara  $\neq$  kubâra
- (v) gucâanira  $\neq$  gucâaniira

N.B: 1. Umukandida wakoze uruhushya rumwe rukosorwa nk'urwa kabiri kuko ariho hari uturegeka ariko ibyo bikorwa bityo mugihe ntakindi kimenyetso yashyizehokerekana ko ari uruhushya rwa mbere.

2. Umukandida wanyuranyije impushya ahabwa zero, mugihe ntahisobanuro yongeyeho - mudukubo -.

3. Umukandida wakoze impushya eshatu akosorwa ebyiri za nyuma, urwambere rufatwa nk'ikibazo.

4. Umukandida wakoze impushya enye akosorwa urwa kabiri n'urwa kane kuko urwa mbere n'urwa gatatu zifatwa nk'ibibazo.

5. Mumyandikire y'amasaku, ijambo rikosorwa mu ruhushya ririmo, utabyubahirije agomba gushyiraho ibisobanuro biri mu dukubo birimenyekanisha.

6. uzashyiraho amasaku atagabanyaye ibimenyetso, n'uzashyira kuri muhundwanota bizihanganirwa, mugihe ayo masaku ari yo.

**b) Amasaku ku nteruro (Amanota 5)**

abantu beânshi b'amacuti ye baaza kumûbwira kô ibintu bimumerêye nâabi ibwaâmi.

N.B: 1) Buri jambo rikoze neza rizashyirwaho akamenyetso k'igisubizo kiri cyo, iryo yishe rishyirweho akamenyetso k'igisubizo kitari cyo, habarwe ibyo yakoze bitarenze icumi ari byo bihwanye n'amanota atanu kuri atanu.

**IGICE CYA GATATU: IMYANDIKIRE Y'URURIMI (Amanota 8)**

18. Mumyandikire y'ikinyarwanda, iyo utwuguruzo n'utwugarizo twinjira mu tundi mu nteruro hakoreshwa akugarizo n'akugarizo kamwe.

Urg: Abwira umuhungu we ati: "Genda umubwire uti <genda ibyo mwari mwavuganyeye byahindutse > hanyuma ugaruke urubwire".

Umugaba w'ingabo ati: "Ndashaka ko < inshyikanya ku mubiri ya rugema ahica > aza hano".

19. Ahantu hatatu mu Kinyarwanda inyajwi zandikwa zikurikiranye:

- ✓ Kumarangamutima: Yooo! Ese ni uku wabaye!
- ✓ Ku masaha: Ndaza saa tatu za mu gitondo.
- ✓ Ku myandikire y'ubutunde n'amasaku: Umugaanda
- ✓ Ku nyigana: Twumva no hasi ngo pooo!
- ✓ Iyo mu nteruro ijamba rikurikiwe n'irindi ritangiwe n'inyajwi: mu iriba.
- ✓ Mu gushaka uturemajambo: U – mu – ana
- ✓ Mu kajambo "yee" bakoresha bemera.
- ✓ Mu isesekaza: Urakoze cyaneee!

Nari ngukumbuye rwoseee!

Igitegooo!

Yego diiii!

## 20. IHANGAMWANDIKO (Amanota 15)

Ibyibandwaho mu gukosora umvandiko

### 1. Imisusire

- Isuku + imigaragarire: Gusiba birenze 2: 0
- Uburebure: imirongo + amagambo
- Imbata: umutwe + intangiriro + igihimba

Umusozo

- Imyandikire

Inozamvugo (a) kutavanga imibare & ibimenyetso

Kutavanga impine

Kutavanga indimi

(b) Interuro nyobyamvugo

2. Ingingo:  $8/8 \quad 1 + 1+1+1 = 4$  Ingingo

$1+1+1+1 = 4$  Igisobanuro

IKITONDERWA

- (1) Kwanga indimi z'amahanga, izaturere, urufefeko na nyandagazi bihanwa nk'ikosa ry'inozamvugo.
- (2) Kwanga imibare uretse amatari ndetse itonde ry'abami n'ubupapa ririmo imibare y'ikiromani bihanwa nk'ikosa ry'inozamvugo.
- (3) Impine zemewe n'izisanzwe zikoreshwa mu buryo buzwi: REB, ONU, MINEDUC
- (4) Interuro itisanishije neza ni itakoreshejwe neza utwatumye cyangwa ivangavanga ngenga.

Urg: muzamubwire ati: "....."

- (5) Amagambo atuzuye ahanishwa gutakaza 0.5 kuko ari ikosa ry'inozamvugo.
- (6) Amagambo atarabnerwa inyito mu kda, akandikwa ashyizwe mu “ “ azemerwa.

### Ingingo zishoboka

(a) Ingaruka z'ibiyobyabwenge mu ru: yiruko

- Guhungabanya umutekano
- Gutakaza amashuri
- Indwara
- Ubukene mu muryango no mu gihugu
- ....

(b) Muri iyi myaka umaze mu cyiciro rusange, andika ku masomo abiri washimye n'impamvuziyagukundisha n'andi abiri utashamadukiye n'impamvu zabyo.

Isomo: ingingo

Impamvu: igisobanuro

N.B: - Amazina y'amasomo uko yanditse mu ngengabihe y'amasomo yabo azihanganirwa.

- Igisobanuro kitubahirije ubukeshana atikizemerwa.
- Amasomo agomba kuba abiri (2) yakunze n'abiri (2) yanze.
- uwakwandika amasomo atatu yakunze na rimwe yashamadukiye, azahemberwa abiri yakunze na rimwe yashamadukiye = ingingo eshatu (3)

### Ibyitonderwa rusange

- (1) Umwandiko uhurutuye udafite ibi bita ufatwa nk'igika kimwe 1 kitwa intangiriro.
- (2) Umurongo wambere w'igika ushobora gutangirira hamwe n'indi ku mwanya w'ibumoso cyangwa ukitarura gato bitagize icyo bitwaye.  
Igihe umurongo utangiriye hamwe n'indi, umukandida agomba gusimbuka nibura umurongo kugirango igika gitandukane n'ibindi.
- (3) Igihe umukandida atubahirije umwanya yihaye wo gutangira ibika, ahanirwa ikosa ry'imigaragarire.

- (4) Gusimbuka umurongo hagati y'ibika ntacyo bitwaye ariko iyo mirongo igomba kuba inganya umubare mu bika byose. Atari ibyo ahanirwa ikosa ry'imigaragarire.
- (5) Uwasize umwanya urenze 2cm iburyo n'ibumoso byiyongera ku mwanya yahawe cg 4cm ku ruhande rumwe, bifatwa nk'umuvugo hagakosorwa ingingo gusa. Ariko imirongo irenze umwe yuzuye neza, muri uwo mwandiko, ivuguruza iyo ngingo.
- (6) Uwandika atuzuza imirongo, agasiga umwanya wajyamo nibura imigemo ibiri (2) ahanirwa ikosa ry'imigaragarire.
- (7) Uwakoze umwandiko utandukanye n'uwo yasabwe: ibaruwa, umugani, umuvugo, ... akosorwa ingingo gusa.
- (8) Uwihaye isanganyamatsiko atabajijwe akosorerwa imisusire gusa.
- (9) Uwandukuye umwandiko yahawe cg undi mwandiko uzwi, ahabwa ubusa hose.
- (10) Akabago, akabazo n'agatangarwo bitashyizwe aho bigomba kujya mu gika hagati bihanishwa ikosa ry'inozamvugo, byaba ku mpera y'igika, bigahanwa nk'ikosa ry'imyandikire.
- (11) Ibimenyetso bizakoreshwa:

**X:** Gishyirwa ahagana ibumoso aharinganiye n'ikosa ry'inozamvugo.

**X:** Gishyirwa ahari ikosa ry'imyandikire

**Xo:** Gishyirwa ahari igisubizo kitari cyo

**V:** Gishyirwa ahari ingingo isobanuye, ahagana iburyo

**V:** Gishyirwa ahari igisubizo kiri cyo.

**Vx:** Gishyirwa ahari ingingo idasobanuye ahagana iburyo

**X:** Gishyirwa ahari ibisubizo bituzuye neza, kigomba guhabwa 1/2cy'amanota

- (12) Umwandiko utujuje imirongo 15 ukosorerwa ingingo gusa.
- (13) Uwakoze imyandiko irenze umwe ikosorwa yose, hakandikwa amanita y'uwo yabonyeho menshi.
- (14) Urupapuro rwose rushyirwaho ikimenyetso cy'uko rwakosowe, kabone n'urutagira icyanditsweho.
- (15) Ku bibazo byose bigabuyemo twinshi, uwagize ibyo asiga bigomba kugaragazwa hashyirwa **XO** kdi akuzurizwa nomero y'icyo kibazo.
- (16) Mbere yo kwemeza ko umukandida yatarutse ikibazo, kibanza gushakishwa mu ikayi yose, cyaboneka amanita akagarurwa aho cyagombaga kuba; hakandikwaho "Cfr Draft".
- (17) Amagambo abarwa hakurikijwe uko umukandida yayanditse. Ijambo ribarwa mu bwoko bwaryo. Amagambo y'urusobe yanditswe atandukanye abarwamo menshi naho afatanye abarwamo rimwe.